



**Ikinyamakuru ku miterere y’ibihe N°04/2017:**

**Taliki ya 01–10 Gashyantare 2017**

**Ryoherejwe kuwa 12 Gashyantare 2017**

**Ingingo z’ingenzi:**

- o **Igiteranyo cy’imvura** yabonetse kuva taliki 1-10\_Gashyantare\_2017; cyagaragaje imvura yagabanutse mu bice byinshi by’igihugu ikagera mu kigero kiri muni y’iyo dusanzwe tubona muri iyo minsi uretse ubupimiro bwo mu Mujyi wa Kigali ndetse n’ubw’Intara y’Amajyaruguru bwagaragaje imvura nyinshi.
- o Igice cy’uburengerazuba bwabonye imvura iminsi 10 yose y’igice cya mbere cya Gashyantare byongereye ubuhehere bw’ubutaka mu bice by’uburengerazuba n’amajyepfo by’igihugu
- o **11-20\_Gashyantare\_2017**; hateganyijwe **iyongera ry’imvura** mu bice byose by’igihugu mu mpera z’iki gice cya 2 cya Gashyantare.

**I. Iriburiro**


Mu gice cya mbere cya Gashyantare\_2017; amajyepfo y’Uburengerazuba ndetse no mu gihugu hagati ku bupimiro bwa Bugarama na Gitega habonetse imvura nyinshi kuyo dusanzwe tubona muri ibyo bice. Ahandi mu gihugu habonetse imvura iri mu kigero ndetse n’iri hasi y’iyo dusanzwe tubona.

- Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10\_Gashyantare\_2017 ndetse n’imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

**Igiteranyo cy’imvura kuri buri bupimiro (muri mm)**

| Ubupimiro             | Gashyantare_1-10_2017 | Gashyantare_1-10 |
|-----------------------|-----------------------|------------------|
| Kigali                | 26.4                  | 27.8             |
| Rusizi (Kamembe)      | 37.2                  | 45               |
| Rubavu (Gisenyi)      | 21.1                  | 29.9             |
| Nyamagabe (Gikongoro) | 34.7                  | 43.7             |
| Ngoma (Kibungo)       | 34.6                  | 32.7             |
| Gicumbi (Byumba)      | 10.6                  | 21.9             |
| Bugarama              | 52.2                  | 30.9             |
| Musanze (Ruhengeri)   | 13.8                  | 26               |
| Gitega                | 40.5                  | 20.9             |
| Rubengera             | 25.5                  | 32.9             |
| Byimana               | 27.3                  | 36.5             |
| Kawangire             | 28.5                  | 25.6             |
| Nyagatare             | 10.1                  | 10.8             |


Imbonerahamwe ya




Igishushanyo

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10\_Gashyantare\_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31\_Mutarama\_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10\_Gashyantare\_2017**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10\_Gashyantare**



**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31\_Mutarama\_2017**



**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31\_Mutarama**



**II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10\_Gashyantare\_2017 mu buryo burambuye**

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10\_Gashyantare; cyagaragaje imvura mu majyaruguru y'igihugu ahandi hakaboneka imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka kugeza hejuru (reba **Ikarita1&2**) naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-31\_Mutarama\_2017; cyagaragaje imvura isumbye iyo dusanzwe tubona henshi mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

**a) Intara y'Uburasirazuba**

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara habonetse imvura iri mu kigereranyo cy'iyi dusanzwe tubona (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

**b) Intara y'Amajyaruguru**

Ubupimiro bwose bw'Intara y'Amajyaruguru bwabonye imvura iri mu kigereranyo kiri muni y'iyi dusanzwe tubona (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

**c) Intara y'Amajyepfo**

Henshi muri iyi Ntara hagaragaye imvura iri hejuru y'iyi dusanzwe tubona mu gice cya mbere cya Gashyantare (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

#### d) Intara y'i Burengerazuba


Henshi hagaragaje imvura nke kuyo dusanzwe tubona, ariko ikaba iri mu kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

#### e) Umujyi wa Kigali

Hagaragaye imvura nyinshi kuyo dusanzwe tubona mu gice cya mbere cya Gashyantare cyane cyane ku bupimiro bwa Gitega (reba **Imbonerahamwe ya1** n' **Ikarita ya1&2**)

### III. Ingaruka ku Buhinzi

#### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Kuva taliki ya 21\_Mutarama kugeza 10\_Gashyantare\_2017; Ububobere bw'ubutaka bwariyongereye ho gacye, bitewe n'ubwiganze bw'ibicu byatumye hatabaho ubuyayuke bw'amazi ndetse n'imvura yagiye igwa hafi buri gihe (reba **Ikarita 5&6**) Mu gice cya kabiri cya Gashyantare\_2017; hateganijwe imvura izakomeza kubobezwa ubutaka; Abahinzi bakaba basabwa gutegura imirima yabo

#### Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Gashyantare\_2017

Hateganijwe imvura iziyongera mu bice byose by'igihugu:

**Umujyi wa Kigali;** hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura nke mu mpera z'igice cya 2 cya Gashyantare.

**Intara y'Uburasirazuba;** hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura nke mu mpera z'igice cya 2 cya Gashyantare.

**Intara y'Uburengerazuba;** hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura mu bice byinshi by'iyi Ntara.

**Intara y'Amajyaruguru;** hateganijwe ubwiganze bw'ibicu byiganje ndetse n'imvura nke cyane cyane mu bice by'uburengerazuba bw'iyi Ntara.

**Intara y'Amajyepfo;** hateganijwe ubwiganze bw'ibicu byiganje ndetse n'imvura cyane cyane mu bice by'amajyepfo n'uburengerazuba bw'iyi Ntara.

**N.B:** Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)